



Icyigisho
cya 10 cyo
ku wa 5
Nzeri 2026

UMURIMO NYAKURI WA GIKRISTO

**"Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima,
turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko
ntiduhānwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose.
Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa
Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu" (2 Abakorinto 4:8-10)**



Ni nde wavuze ko imibereho y’umugabura imutunganiye? Abakozi b’ubutumwa bwiza bafite inshingano zikomeye, kandi umwete wabo ntubuzemo ingorane n’akaga.

Gukunda imitima yegereye kurimbuka, ndetse no kwita ku bamaze kwemera ubutumwa bwiza ngo bashikame kandi bakure, ni byo bitandukanya abakozi b’Imana nyakuri n’amasega aryana.

Iyo itorero rifatanyije n’abagabura baryo kandi mu buryo buhamye rigahindura uko ribayeho, riba umurunga uhūza abantu kandi ukageza ihumure n’ibyishimo kuri bose.



-  **UMURIMO W’UMUGABURA**
 -  Abagabura bashoboye
 -  Ingorane zo mu murimo
-  **INSHINGANO Z’ABAGIZE ITORERO**
 -  Intumwa z’ubwiyunge
 -  Guhamagarirwa kwera
-  **IMBUTO Y’UMWETE UHURIWEHO**
 -  Ihumure n’ibyishimo

UMURIMO W'UMUGABURA

ABAGABURA BASHOBOYE

“Ni mwe rwandiko rwacu rwanditswe mu mitima yacu, urwo abantu bose bamenya bakarusoma” (2 Abakorinto 3:2)

Hari ibintu bidahinduka cyane uko igihe kigenda gihita. Inzandiko zishyigikira kanaka na n’ubu ziracyafungura imiryango nk’uko byari no mu kinyejana cya mbere. Ese Pawulo yari akeneye urwandiko rwo kumushyigikira kugira ngo yemerwe n’itorero ry’i Korinto? (2 Abakorinto 3:1)

Yari afite urwandiko ruhiga izindi zose zashyigikira umuntu: Abakorinto ubwabo (2 Abakorinto 3:2). Imitima yabo yari yarahinduwe n’ubuntu bw’Imana, binyuze mu kubwiriza kw’iyi ntumwa n’abo bakoranaga (2 Abakorinto 3:3).

Pawulo n’abamwunganiraga bari “bashoboye, nk’ababwiriza b’isezerano rishya” (2 Abakorinto 3:6). Isezerano ry’ubwiza ryanditswe n’Umwuka ku mutima kubw’ubugingo buhoraho.

Ariko bamwe bakurikiye irindi sezerano, ari ryo ryo gukizwa n’imirimo y’amategeko yanditswe ku ibuye, byababujije kubona ubwiza bw’ubuntu (2 Abakorinto 3:7–9).



INGORANE ZO MU MURIMO

“Burya ibyo byose bibaho ku bwanyu, kugira ngo uko ubuntu bw’Imana burushaho gusaga, abe ari ko n’ishimwe rya benshi rirushaho gusaga ngo Imana ihimbazwe.” (2 Abakorinto 4:15)

Pawulo yasobanukiwe ndetse yihanganira ingorane zo mu murimo. Ariko yari azi ko byari ngombwa, maze abyihanganira kubera urukundo yakundaga abantu yari yaragejeje ku mahirwe yo gusingira agakiza (2 Abakorinto 4:15). Ikindi kandi, ntiyashidikanyaga gufashwa n’Imana (Abakorinto 4:7–9):

Tura-...


- ▶ sakirana n’amakuba
- ▶ shobewe
- ▶ renganywa
- ▶ kubitwa hasi

Ariko...

- ▶ ntidukuka imitima
- ▶ ntitwihebye
- ▶ ntiduhānwa
- ▶ ntidutsindwa rwose

Ubutumwa bwiza bwamamajwe binyuze mu bantu b’intege nke kugira ngo icyubahiro kube icy’Imana yonyine.

Imibabaro ni “ingorane z’igihwayihwayi, kw’akanya gato” ugereraniye n’“ubwiza buhebuje kandi buhoraho” tuzagira ku munsu wo kuzuka (2 Abakorinto 4:14–18).



INSHINGANO Z'ABAGIZE ITORERO

INTUMWA Z'UBWIYUNGE

"riko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi." (2 Abakorinto 5:18)

Imbaraga igomba kugenga ubuzima bw'itorero (n'ubwa buri mwese mu barigize) ni iyi: **"Kuko urukundo rwa Kristo ruraduhata"** (2 Abakorinto 5:14). Uru rukundo rurangwa n'iki, kandi ni iki duhatirwa?

Kristo yatanze ubugingo Bwe kubera urukundo. Ibi biduhatira kubaho ku Bwe (2 Abakorinto 5:14–15).

Kristo yatugize ibiremwa bishya. Ibi biduhatira kureka imibereho yacu ya kera (2 Abakorinto 5:17)

Kristo yatwunze n'Imana. Ibi biduhatira kuba intumwa z'ubwiyunge (2 Abakorinto 5:18–20).

Urukundo rwa Kristo rero rutuyobora ku guhinduka kw'imibereho mu buryo bwimazeyo. Kubaho mu rukundo rwa Kristo bidutera dusangira urwo rukundo n'abandi, tubararikira kwakira ubutumwa bw'ibyiringiro: **"Nimwiyunge n'Imana"** (2 Abakorinto 5:20).



GUHAMAGARIRWA KWERA



Guhamagarirwa kwera bigira ingaruka ku mibereho ya buri muni ya buri y'abagabura ndetse n'abandi bizera:

Kwihanganira ibirushya (2 Abakorinto 6:4–5)

Kwera imbuto za Mwuka (2 Abakorinto 6:6)

Kuba abanyakuri n'abakiranutsi (2 Abakorinto 6:7)

Guhagarara dushikanye mu bihe ibyo ari byo byose
(2 Abakorinto 6:8–10)

Gufungurira abandi imitima yacu (2 Abakorinto 6:11–13)

Kwitandukanya n'imirimo mibi y'abatizera (2 Abakorinto
6:14–15)

“Nuko bakundwa, ubwo dufite ibyo byasezeranijwe, twizezeho imyanda yose y'umubiri n'umutima, tugende twijejeshya rwose kubaha Imana.” (2 Abakorinto 7:1)

Pawulo yahuje ibice bitari bimwe byo mu Isezerano rya Kera, avugaga muri make ku byo guhamagarirwa kwera n'ingaruka zabyo (2 Abakorinto 6:16–18):

Guhamagarwa

- Kuva mu nzira z'icyaha
- Kwitandukanya n'abanyabyaha
- Kudakora ku gihumanye

Ingaruka

- Nzatura muri mwe
- Nzaba Imana yanyu
- Muzaba ubwoko bwanjye
- Nzābākīra
- Nzababera So


IMBUTO Y'UMWETE
UHURIWEHO

I HUMURE N'IBYISHIMO

"Mbashiraho amanga cyane, kandi ndabirata cyane. Nuzuye ihumure, ndetse no mu makuba yacu yose ngira umunezero usesekaye." (2 Abakorinto 7:4)

Nubwo Pawulo yahuye n'ibibazo, yari yishimye bitavugwa (2 Abakorinto 7:4). Ni iki cyateye ibyo byishimo?

Pawulo yari yarandikiye Abakorinto urwandiko rubihanangiriza cyane, ibyo bikaba byarabateye agahinda (2 Abakorinto 7:8). Ariko ako gahinda kabagejeje ku kwihana (2 Abakorinto 7:9–10). Ibi byatumye habaho impinduka ikomeye mu mibanire yabo na Pawulo, no hagati yabo (2 Abakorinto 7:11–12).



Bityo, bose babonye ihumure. Tito, mugenzi wa Pawulo, yarahumuriywe (2 Abakorinto 7:7). Pawulo yahumuriywe no kuhagera kwa Tito (2 Abakorinto 7:6). Abakorinto bari barahumuriywe, ari na byo byahumuriye Pawulo (2 Abakorinto 7:13).

Ariko Pawulo ntiyihimbaza kubera ibyo. Niba abagabura n'abizera bashobora kwishima no guhumurizwa, ni ukubera ko Imana "ihumuriza abicisha bugufi" (2 Abakorinto 7:6a).

“Umurimo w’Imana uvuze gukorera abandi, kandi twese twahamagariwe kuba muri uyu murimo. Ku muntu wese uhitamo imibereho yo kwihugiraho, ibyo bisuzuguzza Imana. Bene data, ese murabibona ko buri mwaka abantu ibihumbi n’ibihumbi barimbuka, bapfira mu byaha byabo kuko umucyo w’ukuri utaramurikira inzira yabo?”

Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu isi yacu. Abagabo n’abagore bagomba guhindurwa, atari kubw’impano yo kuvuga indimi cyangwa gukora ibitangaza, ahubwo kubwo kwamamaza Kristo wabambwe. Kuki twatinza umwete wo guhindura isi nziza?